# 429: Dor' inzira nziz' ijya mw ijuru

1.

Dor' inzira nziz' ijya mw ijuru Ic' aho yabambwe ku Musaraba; Yayibwiy' umwambuz' umwe wihannye, Ashir'agahinda, arakizwa.

2.

Tuzakizwa na nde tutizeye Umukiza wacu wadupfiriye ? Yagiz' agahinda k'abarimbuka, Atang' ubugingo, ngw abakize.

3.

Nimukizwe mwese kurimbuka, Mugir' ubugingo bw'abakijijwe, Mwizigir' Imana yabacunguye, Muyiture byose kubwa Yesu.

4.

Dor' uko mu Rwanda barimbuka ! Mubabwir' imana yac' ibakize, Tuzahanwe na bo kuba mw ijuru, Nta gahinda kose, nta kwicuza.

5.

Wa Musaraba we, ndakwifuza ! Waneshej' urupfu rwic' ab'iyi si; Watsinz' i kuzimu n'ibibabaza, Uduhindura kub' umunt' umwe !

Visit us at indirimbo.com